# Menya uburenganzira bwawe:

# Ubufasha bugenerwa abanyeshuri batagira aho baba

ABLE ADVOCATES FOR BASIC LEGAL EQUALITY, INC.

LAWO LEGAL AID OF WESTERN OHIO, INC.

## Waba:

- Ubana n'inshuti cyangwa abo mu muryango wawe mugari?
- Uba muri hoteli cyangwa moteli?
- Uba mu icumbi?
- Uba mu modoka cyangwa muri rukururana za ba mukerarugendo?
- Uba ahantu hatagenewe guturwa bya burundu?




## Umwana wawe afite uburenganzira!

Umwana wawe afite uburenganzira bwo:

- **KUGUMA** ku ishuri asanzwe yigaho CYANGWA
- **KWIYANDIKISHA** mu ifasi y'amashuri iri aho mutuye.
- **GUTANGIRA** amasomo no **KWITABIRA** ibikorwa bitegurwa n'ishuri ibyangombwa byo kwiyandikisha bikimara kuboneka.
- **GUHABWA UBUFASHA BW'INYONGERA** butuma abasha gutsinda mu ishuri kandi akabuherwa ubuntu.

## Ukeneye ubufasha?

- **HAMAGARA** ku ifasi y'amashuri. **SABA** kuvugana n'umukozi ushinzwe gahunda ya McKinney-Vento. Ufite uburenganzira bwo kwisobanura.
- **HAMAGARA** Ishami rishinzwe uburezi muri Ohio kuri: 614-387-7725 cyangwa 877-644-6338. **SABA** kuvugana n'umuhuzabikorwa wa gahunda ya McKinney-Vento.
- **OHEREREZA** ishuri ibaruwa irisaba ubufasha. **BIKA** kopi. (Ifoto y'ibaruwa yawe wabitse muri telefone na yo yaba ihagije.)

## Ni ubuhe bwoko bw'ubufasha ushobora guhabwa?

- Ubufasha bwo kuguma ku ishuri usanzwe wigaho
- Ubufasha bwo kwiyandikisha ku rindi shuri
- Imodoka zitwara abanyeshuri
- Amafunguro y'ubuntu atangirwa ku ishuri
- Impuzankano
- Ibikoresho by'ishuri
- Ibikorwa na serivisi bya nyuma y'amasomo bitegurwa n'ishuri
- Gusonerwa ku bijyanye n'amafaranga y'ishuri
- Guhabwa kopi z'amafishi y'inkingo
- Guhabwa kopi z'ibyemezo by'amavuko
- Koherezwa ahatangirwa serivisi z'ubuvuzi, ubujyanama, ubuvuzi bw'amenyo n'izindi serivisi

## Niba ukeneye ubufasha mu by'amategeko ku buntu:

### HAMAGARA:

Legal Aid Line yo mu Burengerazuba bwa Ohio: UMURONGO UTISHYURWA: (888) 534-1432

### OHEREZA UBUSABE KURI INTERINETI:

Urubuga rwa Legal Aid Line: www.legalaidline.org

Advocates for Basic Legal Equality, Inc. na Legal Aid of Western Ohio, Inc. ni ibigo by'amategeko bidaharanira inyungu bifasha abantu n'imiryango batishoboye baba mu Burengerazuba bwa Ohio mu bijyanye n'ubwunganizi mu by'amategeko mbonezamubano. Aya makuru ntaho ahuriye n'ubujyanama mu by'amategeko. Ni amakuru atangwa muri rusange. Ntabwo yakubuza kwiyambaza umunyamategeko mu kibazo cyawe. Ushobora kuba n'ubundi ugikeneye ubufasha bw'umunyamategeko.

*Iheruka kuvugururwa tariki ya 19 Ugushyingo 2019

Uyu mushinga uterwa inkunga n'umuryango wa Dayton Legal Heritage Foundation wa Dayton Foundation.

DAYTON LEGAL HERITAGE FOUNDATION OF THE DAYTON FOUNDATION